REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE


B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 5, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI, IGICE CYA KABIRI GASHYANTARE (11-20) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 22 Gashyantare, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Gashyantare 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, ahenshi mu gihugu habonetse imvura nke cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Kazo-Ngoma hapimwe milimetero 52.4 ndetse no kubupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 48.1. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Byimana ingana na milimetero 8.4, Intara y'Amajyepfo, Uburengerazuba bw'amajyepfo n'Uburasirazuba niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.
Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane nubwo bwiyongereye ugereranyije n'iminsi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 30.4(°C ) mu Bugarama na 23.1°C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 19.4 ku bupimiro bwa Bugarama na 10.7°C ku bupimiro bwa Busogo.





**Ishusho 1**: Imvura yaguye ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gashyantare 2020.

## 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ishusho ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya kabiri cya Gashyantare 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 52.4 na milimetero 8.4. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Kazo-Ngoma ho mu ntara y'Uburasirazuba (52.4mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 8.4





*Ishusho2: Ingano y'Imvura muri mm*

## 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gashyantare

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gashyantare.


Ubusanzwe iki igice cya Gashyantare kigusha imvura iri hagati ya milimetero 45.9 na 10.5; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari nke cyane muri iki gice cya Gashyantare 2020 ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Nyamagabe, Ngoma, Kawangire, Bugarama na Nyagatare habonetse invura iruta isanzwe ihagwa muri iki gice cya kabiri.




*Ishusho 3:Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Gashyantare*


## 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ishusho ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya kabiri mu kwezi kwa Gashyantare 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi itatu n'iminsi icyenda (3-6) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye hagati y'iminsi 3 n'iminsi 5. Iminsi mike yabaye 3 ku bupimiro bwinshi mu, iminsi myinshi yabaye 6 ku bupimiro bwa Ngoma.




***Ishusho 4: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo***

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




***Ishusho 5: Ubuhehere bw'ubutaka***

Ishusho ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gashyantare 2020 bwagabanutse cyane mu ntara y'Amajyaruguru ndetse no mu mujyi wa Kigali, bitewe n'ibihe by'izuba n'ubushyuhe byaranze iyi minsi.


Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buziyongera mu gice cya gatatu cya Gashyantare bitewe n'uko imvura iziyongera ugereranyije niyaguye mugice cya kabiri.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ishusho ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu Majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 23.1 na 28 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe dogere selisiyusi 29.0 no ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane kuko hapimwe dogere selisiyusi 30.8.




***Ishusho ya 6: Ubushyuhe bwo hejuru***

## 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ishusho ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 10.7 (Busogo) na Dogere Selisiyusi 19.4 (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ibindi bice by'igihugu.




*Ishusho ya 7: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cyagatatu cya Gashyantare (tariki 21-29) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije n'igice cya kabiri cya gashyantare, hateganyijwe ko imvura iziyongera mu gice cya gatatu cya Gashyantare. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 30 na 50; intara Y'Amajyaruguru Iy'Amajyepfo n'Iy'Uburengerazuba niho hateganyijwe kuzagusha imvura nyinshi kurusha ahandi.

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza kwiyongera kw'imvura mu gice cya gatatu cya Gashyantare 2020 (tariki 21-29), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gutegura imirima yabo bitegura igihembwe cy'ihinga gitaha cy'itumba ndetse bakanegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye no gutegura imbuto bazahinga. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda [www.meteorwanda.gov.rw](http://www.meteorwanda.gov.rw), cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.